# NI GUTE MBONA INYUNGU KU MUSORO KU MAFARANGA WINJIZA IGENERWA UMWANA?

**Ese wowe n'abana bawe muba muri Amerika mu mwaka wose wa 2021 kandi abana bawe baba bafite nimero ziranga abakozi?**

**Oya**

Ushobora kutemererwa guhabwa ikarita y'umusoro w'umwana.

**Yego**

**Ese wagaragaje amafaranga winjije muri 2020?**

**Yego**

**Waba ufite umwana wavutse mu 2021?**

**Oya**

Niba ufite undi mwana wemewe, uzatangira kwakira ibihembo by'amafaranga guhera tariki 15 Nyakanga 2021.

Andi makuru hano:
https://www.irs.gov/credits-deductions/advance-child-tax-credit-payments-in-2021

**Yego**

Ni uko ni uko! Umwana wawe akibona ikarita y'ubwiteganyirize wakwiyandikisha ugatangira guhabwa amafaranga y'inyungu ku musoro igenerwa umwana.
https://www.irs.gov/credits-deductions/child-tax-credit-update-portal

**Oya**

Niba utaragaragaje amafaranga winjije, uzakenera kumenyesha IRS abana bawe bemerewe biciye mu gikoresho cyabo cyo kwiyandikisha:
https://www.irs.gov/credits-deductions/child-tax-credit-non-filer-sign-up-tool

# Ibibazo bikunze kubazwa kenshi

**Ese niniyandikisha ku nyungu ku musoro ku mafaranga winjiza igenerwa umwana, bizagira ingaruka ku bindi bintu ngenerwa na leta (nka SSI, SNAP, TANF, cyangwa WIC)?**

Oya. Guhabwa inyungu ku musoro ku mafaranga winjiza igenerwa umwana ntabwo bifatwa ko ari amafaranga umuryango winjiza. Bityo, bizahindura umubare w'amafaranga uhabwa bindi bigenwa n'Igihugu. Ibi bintu bigenwa n'igihugu birimo ubwishingizi buhabwa abadafite akazi, Medicaid, SNAP, SSI, SSDI, TANF, WIC, Igice ya 8, cyangwa Guhabwa aho gutura rusange.

**Ubufasha rusange bushobora kugirwaho ingaruka!** Iyo uhabwa ubufasha rusange, ushobora kuva muri gahunda yo kwishyurwa buri kwezi ku mpamvu iyo ariyo yose. Kugira ngo uve muri gahunda yo kwishyurwa buri kwezi, cyangwa kwiyandukuza, ushobora kujya ku rubuga rwa IRS Child Tax Credit Update Portal. Iyo uhisemo kutishyurwa buri kwezi, uhabwa inyungu ku musoro w'amafanga winjza igenerwa umwana nk'igiteranyo cy'amafaranga wishyurirwa hamwe mu kwezi gutaha mu gihe uzaba ugaragaza amafaranga winjza: https://www.irs.gov/credits-deductions/child-tax-credit-update-portal

**Ni hehe IRS izohereza amafaranga?**

IRS ikohereza amafaranga yo kukwishyura iyashyira kuri banki mu buryo butaziguye iba ifite muri dosiye Iyo nta makuru ya konti yawe bafite, bakoerereza sheki hakoreshejwe iposita.

**Byagenda gute mbaye ntafite nimero iranga umukozi ariko umwana wanjye ayifite?**

Igihe udafite nimero iranga umukozi, ushobora gukoresha nimero yihariye iranga umusoreshwa (ITIN). Ushobora kubona nimero yihariye iranga umusoreshwa wujuje ifishi W-7 itangwa na IRS. Reba hano https://www.irs.gov/individuals/how-do-i-apply-for-an-itin

**Ese nzahabwa amafaranga angahe yo kwishyura inyungu ku musoro w'amafaranga ninjiza igenerwa umwana?**

Imiryango myinshi ibona amafaranga yuzuye: Amadolari $3,600 kuri buri mwana ufite munsi y'imyaka 6 n'amadolari $3,000 kuri buri mwana ufite imyaka 6 kugeza kuri 17. Kugira ngo igeze amafaranga ku miryango vuba, IRS yohereza igice cy'inyungu ku musoro w'amafaranga yinjizwa igenewe umwana mu mwaka wa 2021 nk'amafaranga yishyurwa buri kwezi ingana n'amadolari $300 ku mwana ufite munsi y'imyaka 6 na $250 ku mwana ufite hagati y'imyaka 6 na 17.

Uyu mubare w'amafaranga ushobora guhinduka hashingiwe ku mafaranga umuntu yinjiza. Aba bantu bemerewe inyungu yose ku musoro w'amafaranga yinjizwa igenwe umwana:

- Abashakanye binjiza amafaranga ari munsi y'amadolari $150,000
- Imiryango ifite umubeyi umwe (ari nawe witwa Ukuriye umuryango) binjiza mafaranga ari munsi y'amadolari $112,500
- Na buri muntuwese winjiza amafaranga ari munsi y'amadolari $75,000

Aba bantu bazaba bemerewe byibuze amadolari $2,000 ku mafaranga ku musoro w'amafaranga yinjizwa igenewe umwana, aturuka mu madolari $166 ku mwana:

- Abashakanye binjiza amafaranga ari munsi y'amadolari $400,000
- Imiryango ifite umubeyi umwe (ari nawe witwa Ukuriye umuryango) yinjiza mafaranga ari munsi y'amadolari y'amadolari $200,000
- Undi muntu wese winjiza amafaranga ari munsi y'amadolari $200,000

Imiryango yinjiza amafaranga menshi ishobora guhabwa amafaranga make cyangwa ntugire ayo uhabwa.

**Menya ibindi: www.whitehouse.gov/child-tax-credit/**

**Waba ukeneye ubufasha bwo kubona uwita ku burere bw'umwana muri Portland Maine? Menya ibindi hano: www.portlandofopportunity.com/how-do-i-find-childcare**